## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

## REG yashyize ahagaragara imbuga za internet nshya zizifashishwa mu guhana amakuru n'abafatabuguzi ndetse no kubagezaho serivisi zihuse.

**Kigali, 09 Ukwakira 2018 –** Mu rwego rwo kurushaho kunoza imitangire ya serivise ndetse no korohereza abafatabuguzi kuzigeraho, Sosiyete y'Igihugu Ishinzwe ingufu (REG) yashyizeho imbuga za murandasi (internet) zizafasha abaturage kubona serivisi z'amashanyarazi mu buryo bworoshye kurushaho. Izi mbuga zirimo urw'amakuru y'ikigo (website) rwavuguruwe, urushakirwaho amakuru ajyanye n'ingurane z'abangirijwe imitungo n'imirimo yo kubaka imiyoboro n'ingomero, ndetse n'urusabirwaho guhabwa amashanyarazi.

Ubwo yatangizaga umuhango wo gushyira ahagaragara izi mbuga, Umuyobozi Mukuru wa REG, Eng. Ron Weiss yatangaje ko intego y'iki kigo ari uguharanira gutanga serivise z'indashyikirwa. Yagize ati "turifuza ko abafatabuguzi bacu batanogerwa gusa na serivisi tubahaye ahubwo ko banabasha kuzisaba no kuzibona mu buryo buboroheye kurushaho. Ntabwo ubu bikiri ngombwa ko umufatabuguzi wacu aza ku biro n'amashanyami byacu buri uko akeneye serivisi, ahubwo ashobora kwifashisha ikoranabuhanga akatugeraho bimworoheye."

### Urubuga rushya rw'amakuru rwa REG

Urubuga rw'amakuru rwa REG rwaravuguruwe ku buryo rworohera urusuye wese kurukoresha akabona amakuru y'ingenzi akeneye akirufungura. Hashyizwemo ibice bikubiyemo amakuru akunze gukenerwa n'abafatabuguzi nk'ayerekeye ibyavugiwe ku mbuga nkoranyambaga, ahateganijwe kubura umuriro, ibiciro by'amashanyarazi, amakuru yerekeye imishinga itandukanye, ibibazo bikunze kubazwa n'ibisubizo byabyo, amakuru yerekeye serivisi za REG, imibare y'ingenzi yerekana uko urwego rw'ingufu ruhagaze, aho batanga amakuru ya ruswa, n'ibindi binyuranye. Hanagaragaraho kandi izindi mbuga zifashishwa mu mitangire ya serivisi.

### Urubuga rwo gusabiraho guhabwa amashyanyarazi

Uru rubuga rwashyizweho mu rwego rwo korohereza cyane cyane abashaka gutangira gushora imari yabo mu bikorwa bibyara inyungu. Buri muturage wese wifuza guhabwa amashanyarazi, ashobora kunyura kuri urwo rubuga ruri kuri murandasi (internet) akuzuza ifishi ihari maze akazahabwa serivisi asabye atagombye kujya ku ishami rya REG rimwegereye ajyanyeyo ifishi yujuje nk'uko byakorwaga mbere. Uru rubuga abaturage bashobora kurugeraho bagiye ku rubuga rusanzwe rwa REG bakareba ahagana hejuru handitse "new connection request".

### Urubuga rureberwaho amakuru ajyanye n'ingurane (expropriation database)

Mu rwego rwo gushakira umuti urambye ikibazo cy'amakuru yerekeye dosiye z'ingurane, REG yashyizeho urubuga rw'ikoranabuhanga rushakirwaho amakuru yose yerekeye ingurane. Umuturage wagenewe ingurane y'ibye byangijwe mu iyubakwa ry'imiyoboro n'ingomero by'amashanyarazi, ashyiramo Nomero ye y'indangamuntu ubundi akabona amakuru yose yerekeye dosiye ye. Ni ngombwa ko umuturage atanga ibyangombwa byuzuye kugira ngo iyishyurwa ry'ingurane yagenewe ryihute. Ibyo birimo Kopi z'indangamuntu, Nomero ya konti muri banki ndetse n'icyangombwa cy'ubutaka.

Uretse izo mbuga zatangiye gukoreshwa, REG irimo irategura urundi rubuga ruzajya rushakirwaho fagitire ndetse n'andi makuru yose y'ubwishyu ku bakiriya bishyura nyuma yo gukoresha umuriro (post-paid customers). Ibi bikazaborohereza kubona amakuru yose ajyanye n'ubwishyu batagombye kugana amashami ya REG. Uru rubuga ruzatangira gukora mu mu kwezi gutaha.

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 78 818 1224, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**